# IBIZAGENDERWAHO MU GUHITAMO ABANYESHURI BAZISHYURIRWA NA MINISITERI Y'UBUMWE BW'ABANYARWANDA N'INSHINGANO MBONERAGIHUGU (MINUBUMWE) MU MWAKA W'AMASHURI WA 2022-2023

## I. INTANGIRIRO

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Leta yashyizeho uburyo bunyuranye bwo kugoboka no gufasha abatishoboye barokotse Jenoside harimo n'Uburezi. Nyuma y'imyaka 28 Jenoside yakorewe Abatutsi ihagaritswe, abenshi mu bayirokotse cyane cyane urubyiruko bafashijwe kwiga amashuri yisumbuye ndetse na Kaminuza, umubare w'abagikeneye gufashwa mu burezi ugenda ugabanuka ku buryo mu myaka ibiri iri imbere iyi gahunda izaba igana ku musozo. Nubwo abenshi barangije kwiga ariko hari bake bagenda bagaragazako bahuye n'ingorane zabazitiye ntibashobore kwiga mu myaka yashize, ubu akaba aribwo basaba gufashwa. Nimuri urwo rwego hari umubare utari muto w'abasabye gufashwa mu mwaka w'amashuri wa 2022-2023.

## II. IBYICIRO BY'ABANDITSE BASABA KWISHYURIRWA

Abagenerwabikorwa banditse basaba kwishyurirwa bari mu byiciro bikurikira:

1. Abanyeshuri bashya basaba gutangira Kaminuza;
2. Abanyeshuri bigaga kaminuza bakaza guhagarika amasomo kubera impamvu zitandukanye;
3. Abanyeshuri batangiye kwiga biyishyurira ubushobozi bukaza kubura;
4. Abanyeshuri basaba kwiga imyuga.

## III. IBISABWA ABANYESHURI BAZISHYURIRWA MU MWAKA W'AMASHULI WA 2022-2023

### 1. ABANYESHURI BASHYA BASABA GUTANGIRA KAMINUZA

- ❑ Kuba ari umugenerwabikorwa wa MINUBUMWE afite PIN imuranga, kandi nta bundi bushobozi afite bwo kwiyishyurira;
- ❑ Kuba yararangije amashuri yisumbuye afite impamyabumenyi/impamyabushobozi kandi yaratsinze amasomo abiri y'ingenzi (2 principles pass);
- ❑ Kuba yaratanze admission letter y'ishuri ashaka kwigaho kandi ibyo ashaka kwiga bikaba bifite aho bihuriye n'ibyo yize mu mashuri yisumbuye;
- ❑ Kuba atarigeze yiga kaminuza, yiyishyuriye cyangwa yishyuriwe n'ikigo cyari FARG.

### 2. ABANYESHURI BIGAGA KAMINUZA BAKAZA GUHAGARIKA AMASOMO KUBERA IMPAMVU ZITANDUKANYE (DROP OUT)

- ❑ Kuba ari umugenerwabikorwa wa MINUBUMWE afite PIN imuranga, kandi ari nta bundi bushobozi afite bwo kwiyishyurira;
- ❑ Kuba yarize agatsinda neza imyaka ibanziriza uwo asaba kwishyurirwa;
- ❑ Kugaragaza admission letter y'umwaka agiyemo na transcript y'imyaka yarangije;
- ❑ Kuba atarengeje imyaka 3 ahagaritse kwiga.

### 3. ABANYESHURI BATANGIYE BIYISHYURIRA BASABA KWISHYURIRWA (SOCIAL CASES)

- ❑ Kuba ari umugenerwabikorwa wa MINUBUMWE afite PIN imuranga, kandi nta bundi bushobozi afite bwo kwiyishyurira;
- ❑ Kuba yarakiriwe na kaminuza yujuje ibisabwa nk'uko HEC ibiteganya (2 principles pass kandi yiga ibijyanye n'ibyo yize mu mashuri yisumbuye);
- ❑ Kuba adasaba kwishyurirwa ibirarane by'imyaka yarangije;
- ❑ Kuba mu gihe asaba kwishyurirwa ari ku ishuri atamaze igihe atiga;
- ❑ Kuba afite admission letter y'ishuri igaragaza umwaka yigamo.

4. **ABANYESHURI BASABA KWIGA UMWUGA WA KAMINUZA (SHORT COURSES)**

- ❑ Kuba ari umugenerwabikorwa wa MINUBUMWE afite PIN imuranga kandi adashobora kwiyishyurira;
- ❑ Kuba yararangije amashuri yisumbuye, afite impamyabumenyi/impamyabushobozi;
- ❑ Kuba afite Admission letter y'ishuri ashaka kwigaho;
- ❑ Kuba ntawundi mwuga yishyuriwe cyangwa ngo abe yarishyuriwe kaminuza.

5. **ABANYESHURI BASABA KWIGA UMWUGA WO KU RWEGO RW'AMASHURI YISUMBUYE (TVET SCHOOLS)**

- ❑ Kuba ari umugenerwabikorwa wa MINUBUMWE afite PIN imuranga, kandi adafite ubushobozi bwo kwiyishyurira;
- ❑ Kuba yaracikirije amashuri yisumbuye;
- ❑ Kuba nta wundi mwuga yishyuriwe;
- ❑ Kugaragaza urupapuro rw'ishuri ryamwemereye kwanya.

**<u>ICYITONDERWA:</u>**

- Umunyeshuli usaba gufashwa kwiga umwuga wo gutwara ibinyabiziga agomba kuba nta rundi ruhushya rwo gutwara afite (Driving category);
- Umunyeshuri usaba mu cyiciro cy'abacikirije amasomo (drop out) yarishyurirwaga n'undi muterankunga agomba kugaragaza impamvu adashobora gukomeza kumwishyurira.

Bikorewe I Kigali ku wa 30 Kamena 2022.

**Dr. BIZIMANA Jean Damascène**

**Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu**